/M.E/M.J/

19 MARS 1984

949 /15.07

Bwana Prefe wa Prefegitura
<u>K I B U Y E</u>

Binyujijwe kuli Bwana Ministri
w'Ubutegetsi bw'Igihugu n'Amajyambere
ya za Komini
<u>K I G A L I</u>

Bwana Prefe,

Duhereye ku ibaruwa umuyobozi w'Urubyiruko n'Imikino muli Prefegitura ya Kibuye yo ku wa 06/02/1984 yatugezagaho inyandiko-mvugo y'inama yagiranye n'abayobozi b'Urubyiruko bo mu makomini kuwa 13/12/1983; duhereye kandi ku byifuzo byagezweho muli iyo nama mboneyeho kukugezaho no kugusaba ibi bikulikira :

- Kubera ko ibibazo by'urubyiruko bitareba abayobozi rwitilirwa bonyine, twifuza ko abategetsi bajya babatera inkunga bitabilira izo nama, bakumva ibibazo bahura nabyo kugirango ibyo bibazo babyigire hamwe. Ibyo kandi bijyanye n'intego y'Umukuru w'Igihugu udusaba ko "Abayobozi bagomba guhura kenshi n'abo bayobora bakumva ibibazo byabo bakabagira inama".

- Kwibutsa abarebwa n'urubyiruko bose ali ba Bourgmestri, Abayobozi b'Urubyiruko, Abalimu bo mu bigo by'Urubyiruko, Abajyanama, Abanyamadini, kutugezaho programu y'ibyo bateganya kuzakora umwaka utaha w'1985 wagenewe umwaka w'Urubyiruko kw'isi hose.

Mugire amahoro.

Ministri w'Urubyiruko
no Gutsura ma Koperative
NDINDILIYIMANA Agusitini
Major

M.E/.

Kigali, le ---

n° --- /15.07

Toquelline 7/3/84

Bwana Prefe wa Prefegitura
KIBUYE

Binyujijwe kuli Bwana Ministri w'Ubutegetsi n'Amajyambere ya Komini KIGALI

Bwana Prefe,

~~Duka~~ Duhereye ku ibaruwa Umuyobozi w'Urubyiruko n'Imikino muli Prefegitura ya Kibuye yo ku wa 06/02/1984 yatugezagaho inyandiko-mvugo y'inama yaguranye n'abayobozi b'urubyiruko bo mu makomini ku wa 15/12/1983; Duhereye kandi ~~kandi~~ ku byifuzo byagejweho muli iyo nama tumbonyeho kugezaho no kubasaba ibi bikulikira:

- Kubera ko ibibazo by'urubyiruko bitareba abayobozi rwitilirwa bonyine, byo ~~tubabapabaga~~ turifuza ko abategetsi bajya babatera inkunga bitabilira izo nama, bakumva ibibazo bahura nabyo ~~muli~~ kugirango ~~bigire~~ ibyo bibazo babyigire hamwe. Ibyo kandi bijyanye n'intego y'Umukuru w'Igihugu Udusaba ko "Abayobozi bagomba guhura kenshi n'abo bayobora bakumva ibibazo byabo bakabagira inama."
- Kwibutsa abarebwa n'urubyiruko bose ali ba Bourgmestri, Abayobozi b'urubyiruko, Abalimu bo mu bigo by'urubyiruko, Abajyanama, Abanyamadini, kutugezaho programu y'ibyo bateganya kuzakora umwaka utaha w'1985 wagenewe umwaka w'urubyiruko ku'isi hose.

Mugire amahoro.

Minisitiri y'Urubyiruko
no Gutsura ~~Cooperati~~ Koperatif.
Major BEM.

FICHE DE TRANSMISSION

AU DIRGERAL JEUNESSE

DEP [illegible] 23/2/84 DWENC

- Intéresser les autorités locales ~~aux~~ aux réunions des cadres de la jeunesse
- Pas de programme prévu pour l'AMJ.
- Lettre aux préfet sur la collaboration des autorités locales avec nos agents sur place

[signature] 27/2/84

Pour suite à donner

Pour approbation

Pour signature

Pourrions-nous en parler ?

Comme convenu

Suite à votre demande XX

Noter et retourner

Pour information

A classer

Commentaires

V 27/2/84

EUGENIE 2/3/84

Date : 22/2/84

De : DWENC

Synthèse

=-=-=-=-=

Inyandiko-mvugo y'inama y'Abayobozi b'Urubyiruko n'Imikino muli Komini yabereye mu biro by'Ubuyobozi bw'Urubyiruko n'Imikino muli Prefegitura KIBUYE kuwa 13/12/1983.

=-=-=-=-=-=-=-=-=-=-=-=-=-=-=-=-=-=-=-=-=-=-=-=-=

Inama yatangiye saa yine (10H00') iyobowe n'Umuyobozi w'Urubyiruko n'Imikino muli Prefegitura. Yali iteraniwemo n'Abayobozi b'Urubyiruko n'Imikino bo mu makomini alizo : KIVUMU - MWENDO - RUTSIRO na MABANZA. Naho abo muli GISHYITA na RWAMATAMU bo ntibaje muli iyo nama.

Hali Komini : BWAKIRA, GISOVU na GITESI, abayobozi b'Urubyiruko n'Imikino bayo makomini birukanwe mu kazi ntibali basimburwa.

Ibyali ku murongo w'ibyigwa :

1° Kurebera hamwe ibyo umwaka wa 1983 wabogejejeho.
2° Kurebera hamwe uko irushanwa ly'umupira lyagenze mu gice cya mbere.
3° Isurwa ly'amashyirahamwe y'urubyiruko
4° Programu y'ibigomba gukorwa mu mwaka wa 1984.

A. Ibyagezweho muli 1983.

Umuyobozi w'Urubyiruko muli Prefegitura yasuye amashyirahamwe amwe n'amwe nko muli Mabanza, Rutsiro, Kivumu na Gishyita.
Izo ngendo zatumye amenya ibibazo urubyiruko rufite:
1°-Hali ubuke bw'ubufatanye n'ubwumvikane hagati y'amashyirahamwe n'abategetsi. Urubyiruko ntibalirwa umukozi wa Komini ntibirwa, nta nkunga y'abategetsi, ali ku rubyiruko no ku muyobozi warwo, cyane cyane mu bibazo byerekeye imilima.

B. Irushanwa ly'umupira w'amaguru.

Muli Kibuye hamaze gushingwa umulyango witwa ASPOKI (Association Sportive de Kibuye) ugamije guteza imbere imikino ya F.B., B.B., V.B., H.B., na Athlétisme. Uwo mulyango mu gihe kili imbere uzashinga amakipi azajya aserukira Prefegitura mu marushanwa y'igihugu.
Umuyobozi w'inama yabasabye ko muli buli Komini hashingwa imilyango y'imikino igomba gukorana na ASPOKI. Hanyuma buli wese yagiye ageza kuli bagenzi be uko igice cya mbere cya championnat cyagenze.

C. Isurwa ly'amashyirahamwe y'Urubyiruko

Programu yali yateganijwe yo gusura amashyirahamwe ntiyashoboye gukulikizwa n'Umuyobozi w'Urubyiruko muli Prefegitura bitewe no kutagira moyen de déplacement. N'aho yashoboye kugera yategaga imodoka ku muhanda.
Ibibazo byihaliwe na buli shyirahamwe Umuyobozi w'Urubyiruko yavuze ko asigaje kubigeza kuli Bourgmestri.

.../...

D. Programu y'ibigomba gukorwa muli 1984.

- Gukomeza championnat y'umupira w'amaguru.
- Gukora imikino ngorora-ngingo mu kwa gatandatu.
- Kwamamaza umupira wa Handball.
- Gushinga troupes théâtrales mu makomini aho zitali.
- Gushyiraho ikinyamakuru kilimo ibikorwa by'urubyiruko.
- Guteganya ubulyo bwo gusura amashyirahamwe,
- Guhugura amashyirahamwe muli gestion, comptabilité.

Divers.

- Basabye ikibuga cya athlétisme kuko iki i Kigali ntaho gihuliye n'icyo ku Kibuye. Basanze icyo kibazo Umuyobozi w'inama yarakigejeje kuli Prefe, hateganwa umwanya wacyo muli plan directeur y'umujyi wa Kibuye.
- Umuyobozi w'inama yayisoje ababasaba gukaza umurego mu gusura amashyirahamwe.

AVIS

- Kudasura amashyirahamwe kubera kubura moyen de déplacement : Ibibazo by'urubyiruko ntibireba abayobozi b'urubyiruko bonyine, none kuki mu nama nk'izo badatumira bamwe mu bayobozi bo muli Prefegitura ndetse no mu makomini ngo babafashe kwigira hamwe ibyo bibazo.
- Urubyiruko ruhalirwa umukozi wa Komini rwitilirwa, nta nkunga y'abategetsi, ali ku rubyiruko no ku muyobozi warwo, muli iyo nama buli muyobozi yagiye ageza kuli bagenzi be ibyo yagezeho muli Komini. Ibyo babigeraho bate nta nkunga y'abategetsi babona? Byabafasha rero umuyobozi w'urubyiruko muli Prefegitura agiye abasura kenshi ~~limwe na limwe~~ akibonanira n'abo bategetsi akabagezaho ibibazo bafite, cyane cyane aliko babatumira mu nama nkizo z'abayobozi b'urubyiruko.

MUJAWAMARIYA Eugénie.

Le 22/02/1984.-

Avis conformes

22.2.84.-

Kibuye kuwa 06/02/1984

PER
Observations
13/2/84

EUGENIE
Synthèse et avis.-
16/2/84

Reçu le 09 FEV. 1984
Classement: 748/15-04

11/2/84

Bwana Umuyobozi w'Urubyiruko n'Imikino
muli Komini......................(bose).

Bwana Umuyobozi w'Urubyiruko n'Imikino,

Hamwe n'iyi baruwa nkwohererereje inyandiko-mvugo y'inama y'abayobozi b'urubyiruko n'imikino yabaye kuwa 13/12/1983 ku Kibuye.

Ugire akazi keza kandi uzilikana ibyemezo byafatiwe muli iyo nama.

Umuyobozi w'Urubyiruko n'Imikino
muli Prefegitura ya Kibuye
BIGIRIMBATI Jean Chrysostome.-

Bimenyeshejwe:

- Bwana Ministri w'Urubyiruko na Koperative KIGALI.-
- Bwana Prefe wa Prefegitura KIBUYE.-
- Bwana Burgumestri wa Komini(bose)
- Bwana Prezida wa ASPOKI KIBUYE.-

**INYANDIKO-MVUGO Y'INAMA Y'ABAYOBOZI B'URUBYIRUKO N'IMIKINO MULI KOMINI YABEREYE MU BIRO BY'UBUYOBOZI BW'URUBYIRUKO N'IMIKINO MULI PREFEGITURA KIBUYE KUWA 13/12/1983**

---

<u>Abali mu nama</u>:

- Bwana BIGIREBATE J.Chrysostome,Umuyobozi w'Urubyiruko n'imikino muli Prefegitura akaba ali we uyoboye inama.
- Bwana SENTOKI François,Umuyobozi w'Urubyiruko n'imikino muli Komini Kivumu.
- Bwana MUNYABUGINGO Robert:Umuyobozi w'Urubyiruko n'imikino muli Komini Mwendo.
- Bwana BARENGWA Pierre:Umuyobozi w'Urubyiruko n'imikino muli Komini Rutsiro.
- Bwana HITIMANA Félicien:Umuyobozi w'Urubyiruko n'imikino muli Komini Mabanza, aliwe mwanditsi w'iyi nama.

<u>Abataje mu nama</u>:

- Bwana HABYARIMANA Izakali:umuyobozi w'Urubyiruko n'imikino muli Komini Gishyita.
- Bwana Rutayomba Jean Baptiste:Umuyobozi w'Urubyiruko n'imikino muli Komini Rwamatamu.

Abayobozi b'Urubyiruko n'imikino mu makomini Bwakira,Gisovu,na Gitesi birukanwe ku kazi kandi ntibali basimburwa.

Inama yatangiye saa ine(10 H).

Umuyobozi w'Inama yatangiye ashimira abaje mu nama ko bahageze ku gihe,yahereye ko abibutsa ibili ku murongo w'ibyirwa.

1° Kurebera hamwe ibyo umwaka wa 1983 watugejejeho.

2° Kurebera hamwe uko irushanwa ly'umupira w'amaguru lyagenze mu gice cyambere.

3° Isurwa ly'amashyirahamwe y'Urubyiruko

4° Programu y'ibigomba gukorwa mu mwaka wa 1984

Ku ngingo ya mbere umuyobozi w'inama yahaye buli muyobozi w'urubyiruko ijambo,akavuga ibyiyongereye muli Komini ashinzwe ndetse n'ingorane ahura nazo. Umuyobozi w'inama yababwiye ko uko akazi kabo gateye yabimenyesheje Minisitori muli raporo y'Umwaka wa 1983.Muli rusange ibyagezwe ho mu makomini biteye bitya:
-Amashyirahamwe yakomeje gusurwa no kugilirwa inama,na ndetse n'umuyobozi w'Urubyiruko n'imikino mu rwego rwa Prefegitura ubwe yalihagurukiye ajya gusura amashyirahamwe amwe n'amwe.Amakomini yasuwe ni Mabanza(amashyirahamwe hafi ya yose)Rutsiro(amashyirahamwe yo muli segiteri enye) Kivumu na Gishyita ni limwe gusa.Izo ngendo z'Umuyobozi w'urbyiruko n'imikino muli Prefegitura zatumye amenyana n'urubyiruko rwasuwe.
Ibibazo by'ingenzi byagaragayeni ibi: 1° Ubufatanye n'ubwumvikane bw'amashyirahamwe n'abategetsi ba segiteri cyangwa selire ni buke,ku bulyo usanga urubyiruko ruhalirwa umukozi wa Komini rwitirirwa,kandi n'abo bategetsi nta nkunga batera ali urwo rubyiruko ali n'uwo muyobozi warwo,cyane cyane mu bibazo byerekeye imilima.

............/.........

2. Irushanwa ry'umupira w'amaguru.-

Umuyobozi w'inama yasobanuliye abali mu nama ko muli Prefegitura ubu hamaze gushingwa umulyango witwa ASPOKI(Association Sportive de Kibuye) ugamije gutoza imbere imikino ya Foot-ball,basket-ball,Volley-ball,hand-ball na Athlètisme akaba ali nawo ubu ngubu ushinzwe iyo mikino yose muli Prefegitura ya Kibuye.Yabasomeye Astati n'amategeko yihaliye yuwo mulyango kugirango basobanukirwe neza imikorere y'uwo mulyango. Yakomeje ababwira ko mu gihe gitaha uwo mulyango uzashinga amakipi azajya aserukira Prefegitura mu marushanwa y'igihugu.Yasobanuliye abali mu nama ko bagomba gushyigikira no gufatikanya akazi n'uwo mulyango kuko ubafasha gukangura abategetsi na rubanda bagahagurukira imikino n'imyidagaduro bisa n'ibitabaho muli Prefegitura ya Kibuye.Ngo bulya "umwera uturutse ibukuru bucya wakwiriye hose" mu gihe abategetsi bazumva akamaro k'imikino n'imyidagaduro mu mibereho no mu mibanire y'imbaga bashinzwe,nta kabuza bazayitoza ishyaka ryo kurushanwa gukina no kwidagadura bitanyuranyije n'umuco wacu wa kinyarwanda.

Imilyango y'imikino mu makomini.-

Umuyobozi w'inama yabibukije mu magambo make imilimo y'umuyobozi w'urubyiruko n'imikino ,ko agomba kumenya neza akazi ko akakifashisha mo abandi,ali abategetsi be ali n'abakozi bakorana.Umuyobozi w'urbyiruko n'imikino ni intumwa y'urubyiruko ku bategetsi ba Komini n'impuguke zilimo,agomba lero kubera urwo urbrubyiruko umujyanama.Agomba kugira ubushobozi buhagije bwo kwibwira ikibazo gishobora kubangamira urwo rubyiruko,Agomba kumenya kuruyobora mu bikorwa byarwo,kandi ntabo yakwiboshya ngo aruyobye. Mu byerekeye imikino agomba gutoza abasore n'inkumi gukuguhura mu mikino,bakarwana ishyaka ryo kurushanwa bakina (ntibarushanwe bagene akabali),ilyo shyaka akalikwiza mu bantu bose ahereye kuli bagenzi be bakorana na ndetse tso n'umutegeka we,kuko umuntu atabeshejweho gusa no kugabulira igifu cye ,ahubwo yifite mo ikeneye guhabwa ibiyikwiriye;ali byo kwiga,gukina,kubana,kuruhuka,kurushanwa mu bumenyi,mu mibanire n'abandi,mu mikino n'ibindi,.... mbese aho imana hose yahaye abantu uburenganzira bwo guhigana. Yabasabye ko muli buli komini hashingwa imilyango y'imikino igomba gukorana na ASPOKI muli disciplini z'imikino ASPOKI yiyemeje guteza imbere. Buli muyobozi w'urubyiruko n'imikino yahawe stati n'amategeko yihaliye ya ASPOKI. Abali mu nama bemeje ko kugira ngo bishoboke imikino igirere uruhare ruyikwiye ali uko hashyirwaho cotisation ya buli Komini,ASPOKI ikagira isanduku kugirango imikino imwe n'imwe ishobore kubonerwa igihembo n cyoroheje. Iyo milyango y'imikino mu makomini nayo igomba kugira isanduku itandukanye n'iya komini,ni ukuvugako naho hatangwa cotisation z'imikino,buli [illegible]

Umuyobozi w'urbyiruko n'imikino muli Prefegitura yasabye ko nyuma y'irushanwa ly'umupira mu kwezi kwa gatatu,haba ilindi lihuza amasegiteri ,bityo umukino ugahuza abaturage kandi ali nabo bawikinira ntibalyamirwe n'abize amashuli cyangwa

......../......

cyangwa abiboneye impano yo gukina.
Yongeye kandi gusaba ko amakipi ya théâtres, orchestres ali mu makomini akwiye gusohoka agakora ibitaramo hilya no hino.

Umuyobozi w'urubyiruko n'imikino muli Komini Rutsiro yasabye ko mbere y'uko byakorwa umuyobozi w'urubyiruko n'imikino muli Prefegitura yagenderera inama za komini akavugana n'abategetsi ba komini ibyerekeye imikino n'ingorane zibonekamo.

Umuyobozi w'urubyiruko n'imikino yifuje ko ASPOKI yakora uko ishoboye ikajya igena imipira ikoreshwa mu makomini kandi igakurikirana imikulikirize y'amabwiliza yayo. Ibitekerezo abali mu nama bahuliyeho ni uko ASPOKI igomba kukomeza amatwara yayo kandi ko ishyigikiwe.

Igice cya mbere cya championnat uko cyagenze.

Umuyobozi w'inama yasabye abayobozi b'urubyiruko n'imikino ko buli wese abwira abandi uko abona umupira mu makomini wagenze. Urebye hafi ya hose abaturage balishimye kuko umupira w'amaguru utaherukaga kuba. Umuyobozi w'inama basobanuye ko abaturage bakunda umupira aliko ikibabaza ali uko amakipi yakina nabi yicana cyangwa agahagalika umukino. Yasabye abayobozi b'urubyiruko n'imikino mu makomini kwihatira gutoza abakinnyi umuco wo gukina kivandimwe.

3. Isurwa ly'amashyirahamwe y'Urubyiruko.

Umuyobozi w'inama yabwiye abali mu nama ko atashoboye gukuliza programu yose uko yali yayiteganyije, bitewe no kutagira moyen de déplacement, n'aho yashoboye kugera yategaga imodoka ku muhanda ahandi akahagenda n'amaguru, na ndetse byaba ngombwa akanacumbika (mu Rutsiro yaraye yo gatatu). Ing Uko yasanze urubyiruko rwifashe yababwiye ko rukeneye gukora, aliko runagomba kuyoborwa mu bikorwa byarwo, kuko hali nk'ibyo bahubukiraho batagishije inama, bigasenyurwa n'uko bataz̄i neza icyo bakora. Ingorane bahura nazo n'izo mu butegetsi bubegereye ntibubiteho. Ku byerekeye iby'imikino, imipira n'ibibuga, umuyobozi w'urubyiruko n'imikino yamenyesheje abo basore ko Minisiteri nta bushobozi ifite bwo kugulira abasore bose imipira yo gukina. Yabagiriye inama yo kujya bateranya amafaranga bakigulira imipira, kuko bishoboka kandi bitagoye, ayo umusore anywera mu kabali umunsi umwe, akusanyijwe yagura imipira kandi akanasaguka. Umuntu uzi kubara lero yasanga atakazwa mu nzoga yavunjwamo uwo mupira kandi uwo musore akanazigama ayo mu giho ali mu kibuga, kuko aba ali ntacyo asohora mu mufuka we. Ku kibazo cy'ibibuga gituruka ku miterere ya Prefegitura ya Kibuye, umuyobozi w'urubyiruko muli Prefegitura yamenyesheje urubyiruko ko umupira w'amaguru atali wo mukino mwiza wonyine, hali n'indi yahuza abantu ikabananura ingingo.

Ibibazo byihaliwe na buli shyirahamwe umuyobozi w'urubyiruko yavuze ko asigaje kubigeza kuli Burgumestri, kuko uwo mu Rutsiro we babivuganyeho.

............../.........

4 **4.Programu y'ibigomba gukorwa muli 1984.**

Mbere yo kwiga iyi ngingo umuyobozi w'inama yabibukije ko mu byagezwe ho ibikorwa by'inena ali :1° Groupes za théâtres zashinzwe hilya no hino

2° Irushanwa ly'umupira w'amaguru lyatangiye,likaba lizakomeza umwaka utaha.

3° Umulyango wa ASPOKI washinzwe

4° Gusura amashyirahamwe bikozwe n'ubutegetsi buturutse muli Prefegitura

5° Muli athlètisme i Kigali twabonye abakinnyi batatu babonye umwanya mwiza kandi mu mwaka washize ali nta mwanya w'imbere ya gatatu twabonye.

6° Mu Rutsiro havutse za orchestres,na ndetse iyitwa Rwesankuba yahawe imfashanyo y'ibyuma bicuranga iyikesha M.R.N.D.

**Ibizakorwa mu mwaka wa 1984**

1°Gukomeza championnat y'umupira w'amaguru

2°Gukora imikino ngorora-ngingo(athlètisme)mu kwezi kwa gatandatu.

3°Kwamamaza umupira witwa Handball

4°Gushinga troupes théâtrales mu makomini aho zitali

5°Kwamamaza umukino wa Volley-ball mu makomini.

6°Gushyiraho ikinyamakuru kilimo ibikorwa by'urubyiruko mu mashyirahamwe ibitekerezo n'ingorane z'urubyiruko.

7°Guteganya ubulyo bwo gusura amashyirahamwe,abayobozi bose bakagendera amashyirahamwe ntanga-rugero muli buli Komini.

8°Guhugura abakuru b'amashyirahamwe muli gestion,comptabilité,agriculture élevage muli C.C.D.FP.

**Ibibazo binyuranye.**

1. Twageze i Kigali dusanga ikibuga cya athlètisme ntaho gihuliye n'ibyo dukiniraho, none twabona dute ikibuga nk'icyo muli Prefegitura ya Kibuye?

Igisubizo:Ikibazo cy'icyo kibuga nakivuganye na Prefe wa Prefegitura ansubiza ko umwanya wacyo uzateganywa muli plan directeur y'umujyi wa Kibuye.

2. Mu nama y'ubushize twavuze ikibazo cy'imishahara ya ba encadreurs communaux kugeza ubu ntikiratungana.

Igisubizo:Uyoboye inama yavuze ko kugeza ubu imishahara isohoka nta na limwe yigeze ihagarara.

Uyoboye inama yayisoje asaba abaje mu nama ko bagomba kukaza umurego wo gusura amashyirahamwe,nabo ubwabo arangiza abashimira ubwitonzi bakulikiranye inama kandi abifuliza umwaka muhire wa 1984.

Inama yarangiye saa sita n'igice(12 h 30')

**Umwanditsi**

HITIMANA Félicien

Umuyobozi w'Urubyiruko n'imikino wa MABANZA.

**Umuyobozi w'inama**

BIGIREBATE Jean Chrysostome

Umuyobozi w'Urubyiruko n'imikino wa Prefegitura KIBUYE